

**AMABWIRIZA Y'ISOKO RY'IMARI
N'IMIGABANE N°11 AGENGA UBURYO
BWO GUSHYIRA KU ISOKO
INYANDIKO Z'AGACIRO ZICURUZWA
ZIDAHEREKEJWE N'INGWATE**

**CAPITAL MARKET GUIDELINES N°11
ON ISSUANCE OF COMMERCIAL
PAPERS**

**REGLEMENTS RELATIFS AU MARCHÉ
DES CAPITAUX N°11 REGISSANT
L'EMISSION DES EFFETS DE
COMMERCE**

Gishingiye ku Itegeko n° 11/2011 ryo ku wa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'ya 4;

Pursuant to the Law N° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority especially in its articles 3 & 4;

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Autorité des marchés des capitaux, spécialement en ses articles 3 et 4 ;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Pursuant to the Law N° 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market, especially in its article 74;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74 ;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo ku wa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Pursuant to the Law N° 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes especially in its article 64;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64 ;

Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyitwa "IKIGO" mu ngingo zikurikira, cyemeje amabwiriza akurikira:

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:

L'Autorité des marchés des capitaux, ci-après dénommée «l'AUTORITE», adopte les Règlements suivants :

Ingingo ya 1: icyo aya Mabwiriza agamije

Article 1: Purpose

Article 1 : Objet des présents Règlements

Mu rwego rwo guteza imbere no kwagura isoko ry'imari ndetse no gufasha abashoramari kongera inyandiko z'agaciro basanzwe bakoresha, ni byizako amasosiyete ibipimo

In order to develop and broaden the money market and also provide an additional financial instrument to investors, it is considered desirable to allow highly rated companies to

Aux fins de développer et d'élargir le marché monétaire et également fournir aux investisseurs un instrument financier supplémentaire, il est jugé souhaitable de

byerekanako afite ubushobozi buri hejuru bwo kwishyura imyenda yayo yemererwa kugira ibikorwa bitandukanye biyafasha kubona amafaranga mu gihe gito ibyo akabikora ashyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate mu rwego rw'imari-shingiro ishobora kwisubiza igihe ishatswe.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya Mabwiriza, uretse igihe byaba biteganijwe ukundi :

- a) «**Umujyanama**» bivuga ikigo cyemerewe n'ikigo gutanga inama zerekeye imitunganyirize, gushora imari no mu gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaharekejwe n'ingwate;
- b) «**Banki**» bivuga ikigo cy'imari nk'uko gisobanurwa mu Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimu y'amabanki mu Rwanda;
- c) «**Inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate**» bivuga inyandiko nsezeranyabwishyu itaragenewe ingwate ifite agaciro kamara igihe kingana n'iminsi itari mu nsi ya 30 kandi kitarenze umwaka umwe;
- d) «**Ikigo**» bivuga ikigo cya Leta gishinzwe imigenzurire y'ibikorwa by'ubucuruzi ku isoko ry'imari

diversify their sources of short-term financing by issue of commercial paper (CP) as an instrument of redeemable capital. .

Article 2: Definitions.

In these Guidelines unless there is anything repugnant in the subject or context, -

- a) «**Advisor**» means an entity that has been granted a license by the Authority to provide advice on the structuring, placement and issue of the commercial paper;
- b) «**Bank**» means a Financial Institution as defined by the Banking law in Rwanda;
- c) «**Commercial paper**» means an unsecured promissory note with a maturity of not less than 30 days and not more than one year;
- d) «**Authority**» means the Government Institution that is charged with the Regulations of Capital Market

permettre aux sociétés bien cotées de diversifier leurs sources de financement à court terme par l'émission des effets de commerce en tant qu'instrument de capital rachetable.

Article 2: Définition des termes

Aux fins des présents règlements et à moins que le contexte n'exige une interprétation contraire :

- a) «**Conseiller**» désigne une entité qui s'est vu accorder une licence par l'Autorité en vue de fournir des conseils sur la structuration, l'investissement et l'émission des effets de commerce ;
- b) «**Banque**» désigne une institution financière telle que définie par la loi portant organisation de l'activité bancaire au Rwanda ;
- c) «**Effet de commerce**» désigne un billet à ordre non garanti à échéance d'au moins 30 jours et ne dépassant pas un an ;
- d) «**Autorité**» désigne l'institution du gouvernement chargée de la réglementation des activités du

- n'imigabane;
- e) « **Sosiyete** » bivuga sosiyete ivugwa mu Itegeko ryerekeye amasosiyete ryo mu mwaka wa 2008 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;
- f) « **Ikigo cy'imari** » bivuga ikigo cy'imari nk'uko gisobanurwa mu Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimu y'amabanki mu Rwanda;
- g) « **Abashoramari** » bivuga abashoramari bashoye bwa mbere imari mu nyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate cyangwa abaje kugura izo nyandiko nyuma baziguze n'abandi bari bazishyize ku isoko;
- h) « **Ushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa** » bivuga sosiyete iteganya kongera imari yayo mu gihe gito kandi ibyo ikabikora ishyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate;
- i) « **Isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo** » bivuga sosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo nk'uko isobanurwa mu Itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda kandi yanditswe n'Ikigo;
- j) « **Uwifashyirwa mu gushyira ku isoko inyandiko akananyuzwaho ubwishyu** » bivuga Banki, abahawe
- Business;
- e) “**Company**” means a company as defined in the Companies law of 2008 as amended to date;
- f) “**Financial institution**” means a financial institution as defined in the Banking law;
- g) “**Investors**” means the initial investors or subsequent buyers of commercial paper in the secondary market;
- h) “**Issuer**” means a company that intends to raise short-term finance by issuing commercial paper;
- i) “**Rating agency**” means a Credit Rating Agency (CRA) as defined in the capital Market Law and registered with the Authority;
- j) “**Issuing and Paying Agent (IPA)**” means a Bank, a licensee of Capital Market or any other financial
- marché des capitaux ;
- e) « **Société** » désigne une société telle que définie dans la loi de 2008 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée à ce jour ;
- f) « **Institution financière** » désigne une institution financière telle que définie par la loi portant organisation de l'activité bancaire au Rwanda ;
- g) « **Investisseurs** » désigne les investisseurs initiaux ou les acheteurs ultérieurs des effets de commerce sur le marché secondaire ;
- h) « **Emetteur** » s'entend d'une société qui envisage de mobiliser des financements à court terme par l'émission des effets de commerce ;
- i) « **Agence de notation** » désigne une agence de notation de crédit telle que définie par la loi portant régulation du marché des capitaux et enregistrée auprès de l'Autorité ;
- j) « **Agent émetteur et payeur** » désigne une banque ou une, personne agréée”: ou une institution financière

ibyemezo n'ikigo cy'isoko ry'Imari n'imiagabane, cyangwa ikigo cy'imari nk'uko gisobanurwa mu Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki mu Rwanda.

Institution as defined under the Banking law.

telle que définie par la loi portant organisation de l'activité bancaire au Rwanda.

Andi magambo yose ndetse n'amatsinda y'amagambo bitasobanuwe muri aya Mabwiriza agumana ibisobanuro yahawe mu Itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, mu Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki mu Rwanda no mu Itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi.

All other words and expressions used but not defined in these Guidelines shall have the same meanings as are assigned to them in the Capital Markets law, Banking Law and Companies law.

Tous les autres termes et expressions utilisés mais non définis dans les présents Règlements ont les mêmes significations que celles qui leur sont assignées dans la loi portant régulation du marché des capitaux, la loi portant organisation de l'activité bancaire la loi relative aux sociétés commerciales.

Ingingo ya 3: Ibisabwa mu kwemerwa gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate

Article 3: Eligibility for issue of commercial paper

Article 3: Autorisation d'émission des effets de commerce

Haseguriwe ibisabwa bikubiye muri aya Mabwiriza, sosiyete yujuje ibintu bikurikira yemererwa gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate:

A company, which satisfies the following requirements, shall be eligible to issue commercial paper subject to the terms and conditions contained in these Guidelines:

Une société qui remplit les conditions suivantes est autorisée à émettre les effets de commerce sous réserve des modalités et conditions figurant dans les présents Règlements:

(a) Kuba ifite imari-shingiro yayo bwite itari hasi ya miliyoni 500 y'amafaranga y'u Rwanda nk'uko biba bigaragazwa n'ifoto y'ibarura ry'umutungo wayo iba iheruka gukorerwa igenzura rya vuba;

(a) The equity of the company is not less than Rwf 500 million as per the latest audited balance sheet

(a) Avoir les fonds propres d'au moins 500 milliard de Frw selon le dernier bilan vérifié

(b) Raporo itangwa n'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe igenzuramyenda igomba kugaragazako iyo sosiyete idafite imyenda yarengaje igihe cyo

(b) The company should have no overdue loan or defaults in the report obtained from the Credit Reference Bureau (CRB) of Rwanda, and the said report

(b) La société ne devrait avoir aucun prêt en souffrance ou par défaut dans le rapport obtenu à partir du Bureau national d'évaluation du crédit (CRB)

kwishyurwa cyangwa yananiwe kwishyura kandi iyo raporo igomba kuba itari yarenza amezi abiri kuva ikozwe.

should not be more than two months old.

du Rwanda et ledit rapport ne doit pas être daté de plus de deux mois.

Ingingo ya 4: Igihe gito n'igihe kirekire ntarengwa inyandiko y'agaciro icuruzwa idaherekejwe n'ingwate imara ifite agaciro

- (a) Agaciro k'inyandiko y'agaciro icuruzwa idaherekejwe n'ingwate ishyizwe ku isoko kamara iminsi iri hagati ya 30 n'umwaka umwe uherye igihe yatangiye;
- (b) Iyo igihe cyo kwishyura kigeze ariko kikagera ari ku muni utari uw'akazi, sosiyete iba igomba kwishyura ku muni uhita ukurikiraho;
- (c) Inyandiko y'agaciro icuruzwa idaherekejwe n'ingwate ishobora kongererwa agaciro nyuma y'uko byemejwe mu nyandiko n'umushoramari (abashoramari) kandi ibyo bigakorwa ari uko hitawe ku ngingo ibiteganywa kandi hanakurikijwe ibisabwa bivugwa mu mazezerano yagendeweho mu gushyira ku isoko iyo nyandiko y'agaciro icuruzwa kandi ushyira ku isoko izo nyandiko z'agaciro zicuruzwa ashobora kongera kugura izo nyandiko akazisubiza mbere y'uko igihe cyo kwishyura kigera hifashishijwe amazezerano hagati y'ugura n'ugurisha igihe ayo

Article 4: Minimum and maximum period of commercial paper

- (a) The commercial paper shall be issued for maturities between 30 days and one year from the date of subscription;
- (b) If the maturity date happens to be a holiday, the company shall be liable to make payment on the immediate following working day;
- (c) Commercial paper may be rolled over at maturity subject to the written consent of the investor(s) provided a clause to this effect is mentioned on the commercial paper and in the terms and conditions of the agreement under which the commercial paper has been issued and the issuer fulfils the requirement of clause 3 of the Guidelines at the time of roll over. Further, the issuer may redeem the commercial paper before maturity under the call option, if any, and the investor may ask the issuer for early redemption under the put option, if any.

Article 4: Période minimale et maximale d'un effet de commerce

- (a) L'effet de commerce est émis pour des échéances variant entre 30 jours et un an à compter de la date de souscription ;
- (b) Si la date d'échéance correspond à un jour férié, la société est tenue d'effectuer le paiement le jour ouvrable suivant immédiatement ;
- (c) L'effet de commerce peuvent être renouvelé à échéance, sous réserve du consentement écrit de l'investisseur (s) à condition qu'une clause à cet effet soit mentionné sur l'effet de commerce et selon les modalités et conditions de l'accord en vertu duquel l'effet de commerce a été émis et que l'émetteur remplisse la condition requise de la clause 3 des Règlements au moment du renouvellement. En outre, l'émetteur peut racheter l'effet de commerce avant l'échéance selon les conditions de l'option d'achat, le cas échéant, et l'investisseur peut demander à l'émetteur de procéder au

masezerano ariho kandi umushoramari akaba ashobora gusaba uwashyize ku isoko izo nyandiko kuzigura mbere y'igihe cyari giteganijwe akazisubiza hifashishijwe amasezerano yo kugurisha iyo ariho.

rachat anticipé selon les conditions de l'option de vente, le cas échéant.

Ingingo ya 5: Agaciro ko hasi ntarengwa n'ubwoko bw'inyandiko z'agaciro zicuruzwa zidaherekejwe n'ingwate

- (a) Agaciro ko hasi ntarengwa k'inyandikoy'agaciro icuruzwa idaherekejwe n'ingwate kagomba kuba kangana na miliyoni 500 nibura;
- (b) Inyandiko y'agaciro icuruzwa idaherekejwe n'ingwate ishobora kuba yanditse mu amafaranga y'u Rwanda 100.000 (agaciro kayanditseho) cyangwa mu bwikube bwayo igihe igenewe abashoramari bamwe na bamwe batoranijwe cyangwa se ikaba yanditse mu mafaranga y'u Rwanda 1000.000 cyangwa se mu bwikube bwayo igihe igenewe rubanda.

Ingingo ya 6: Agaciro ko hejuru ntarengwa k'inyandiko y'agaciro icuruzwa idaherekejwe n'ingwate

Agaciro gakomatanyije k'inyandiko y'agaciro icuruzwa ishyizwe ku isoko kagomba kuba kari mu kigero cyateganijwe n'Abagize Inama y'Ubutegetsi hakurikijwe amabwiriza ngengamikorere cyangwa umubare wagenwe

Article 5: Minimum size and Denomination of commercial paper

- (a) The minimum size of the issue of commercial paper shall not be less than 200 million;
- (b) The commercial paper, in case of private placement, may be denominated in Rwf100, 000 (face value) or in multiples thereof and in case of offer to general public, may be denominated in Rwf1000, 000 or in multiples thereof.

Article 6: Ceiling on amount of issue of commercial paper

The aggregate amount of commercial paper raised by an issuer shall be within the limit as provided by its Board of Directors in accordance with the prudential regulations or the quantum indicated by the rating agency for

Article 5: Montant minimal et dénomination d'un effet de commerce

- (a) Le montant minimal de l'émission d'un effet de commerce doit être au moins 500 millions ;
- (b) L'effet de commerce peut, en cas d'investissement privé, peut être libellé en 100.000 Frw (valeur nominale) ou en multiples de celui-ci et peut, en cas d'une offre au public, être libellé en 1000.000 Frw ou en multiples de celui-ci.

Article 6: Plafond de la quantité d'émission d'un effet de commerce

Le montant global d'un effet de commerce mobilisé par un émetteur doit se situer dans la limite prévue par le Conseil d'administration conformément à la réglementation prudentielle ou au quantum indiqué par l'agence de

n'isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo mu rwego rwo kugena ibipimo ibi n'ibi kandi hakitabwa ku kigero cyangwa ku gipimo kiri hasi.

Ingingo ya 7: Uburyo bwo gushyira ku isoko inyandiko n'inyungu yishyurwa

Inyandiko y'agaciro icuruzwa igomba kuba iteye nk'inyandiko nsezeranyabwishyu kandi igatangwa ku nyungu ishingiyeye ku gaciro kayanditseho nk'uko bishobora kugenwa n'uyishyize ku isoko kandi bigakorwa hitawe ku nyungu yakwa ku nyandiko za Leta zivunjwa amafaranga, n'inyungu no ku gipimo cy'umwenda yashyizweho.

Ingingo ya 8: Amafaranga atangwa n'ushyira inyandiko ku isoko

Sosiyete ishyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa ni yo itanga amafaranga asabwa mu gushyira ku isoko izo nyandiko harimo n'amafaranga yishyurwa umujyanama, ayishyurwa uwifashishwa mu gushyira ku isoko inyandiko akananyuzwaho ubwishyu, ayishyurwa abagura n'abagurisha ku giti cyabo ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane, ayishyurwa sosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo ndetse n'andi mafaranga ajyanye no gushyira ku isoko izo nyandiko.

the specified rating, whichever is lower.

Article 7: Mode of issue and discount rate

The commercial paper shall be in the form of a promissory note and be issued at such discount to face value as may be determined by the issuer keeping in view the prevailing T-Bill rates, and its Credit Rating.

Article 8: Issuer expenses

A company issuing commercial paper shall bear the expenses of issue including the fees payable to the advisor, the issuing and paying agent, the dealers, the rating agency, and any other relevant charges connected with such issue.

notation pour la notation spécifiée, selon le moindre de ces deux montants.

Article 7: Mode d'émission et taux d'actualisation

L'effet de commerce doit être sous la forme d'un billet à ordre et être émis à escompte calculé sur la valeur nominale déterminée par l'émetteur en tenant compte des taux en vigueur des bons du trésor, et de sa cote de crédit.

Article 8: Dépenses assumées par l'émetteur

Une société émettrice d'un effet de commerce prend à sa charge les frais d'émission, y compris les frais payables au conseiller, à l'agent émetteur et payeur, aux concessionnaires, à l'agence de notation et tous les autres frais pertinents afférents à une telle émission.

Ingingo ya 9: Abashora imari mu nyandiko z'agaciro zicuruzwa

Igikorwa cyo gushyira ku isoko cyangwa kubika inyandiko z'agaciro zicuruzwa gishobora gukorwa n'abantu ku giti cyabo, amabanki, andi masosiyete afite ubuzima gatozi yandikiwe cyangwa yashingiwe mu Rwanda ndetse n'ibigo bidafite ubuzima gatozi, abanyarwanda batari mu Rwanda n'ibigo by'ishoramari byo mu mahanga no mu gihugu.

Ingingo ya 10: Uburyo bukurikizwa mu gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa

- a) Inyandiko z'agaciro zicuruzwa zishobora gushyirwa ku isoko nk'inyandiko nsezeranyabwishyu cyangwa nk'inyandiko z'agaciro zitari mu nyandiko hifashishijwe uburyo bukoreshwa na Banki Nkuru mu gucunga inyandiko z'agaciro. Ku birebana n'inyandiko z'agaciro zicuruzwa zari zisanzwe zishobora gukomeza kubikwa mu nyandiko cyangwa mu buryo butari mu nyandiko igihe nyir'ukuzishyira ku isoko n'umushoramari babyumvikanyeho;
- b) Inyandiko z'agaciro zicuruzwa zishyirwa ku isoko ku nyungu izanditseho ishobora kugenwa na

Article 9: Investors in commercial paper

Commercial paper may be issued to and held by individuals, banking, other corporate bodies registered or incorporated in Rwanda and unincorporated bodies, Non- Resident Rwandans and Foreign & Domestic Institutional Investors.

Article 10: Procedure for issue of commercial paper

- a) Commercial paper can be issued either in the form of a promissory note or in a dematerialized form through the Central Securities depositories of Rwanda. As regards the existing stock of Commercial paper, the same can continue to be held either in physical form or can be dematerialized, if both the issuer and the investor agree for the same;
- b) CP will be issued at a discount to face value as may be determined by the issuer;

Article 9: Investisseurs en effet de commerce

L'effet de commerce peut être émis et détenu par des particuliers, des banques, d'autres personnes morales enregistrées ou constituées au Rwanda et les organes sans personnalité juridique, les Rwandais non-résidents et les investisseurs institutionnels étrangers et nationaux. Toutefois,.

Article 10 : Procédure d'émission d'un effet de commerce

- a) L'effet de commerce peut être émis soit sous la forme d'un billet à ordre ou sous forme dématérialisée par l'intermédiaire des dépositaires centraux de titres du Rwanda. S'agissant du stock existant des effets de commerce, ces effets peuvent continuer à être détenus soit sous forme physique ou peuvent être dématérialisés, si l'émetteur et l'investisseur s'y accordent ;
- b) L'effet de commerce doit être émis à un escompte calculé sur leur valeur nominale déterminée par l'émetteur ;

- nyir'ukuzishyira ku isoko;
- c) Ushyira ku isoko inyandiko ntashobora gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa zagaragarijwe ubushake bwo kugurwa cyangwa zemewe kugurwa;
- d) Ushyira ku isoko inyandiko agomba gushyiraho umujyanama ugomba kumufasha mu gutegura no gutunganya ibisabwa byo gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa;
- e) Ushyira ku isoko inyandiko agomba nyuma y'ibyo gushyiraho umujyanama mu bikorwa by'ubucuruzi ndetse n'abagura n'abagurisha ku giti cyabo ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane iyo bibaye ngombwa kugira ngo ashobore guhamagarira igice cy'abantu batoranijwe/kugurisha ku bantu batoranijwe inyandiko zashyizwe ku isoko.
- f) Gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa ku birebana no guhamagarira abantu batoranijwe gushora imari bigomba gukorwa mu gihe cy'ibyumweru bibiri uherye ku itariki ushyira ku isoko inyandiko ahamagariyeho abantu kugaragaza ubushake bwo kugura izo nyandiko. Igice cy'inyandiko zashyizwe ku isoko kitaguzwe nyuma y'ibyo byumweru bibiri ntigishyirwa ku isoko. Igihe ari igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura inyandiko zashyizwe ku isoko
- c) No issuer shall have the issue of Commercial Paper underwritten or coaccepted;
- d) The issuer may appoint an adviser for assistance on the structure and placement of the commercial paper issue;
- e) The issuer shall thereafter appoint a transaction advisor and, dealers if so desired, for private placement/sale of the issue;
- f) The commercial paper issue in case of private placement must be completed within a period of two weeks from the date on which the issuer opens the issue for subscription. Any unsold portion of the issue after two weeks of its opening for subscription shall not be issued. In case of public offer it should be completed within the period as specified in offer document;
- c) Nul émetteur ne doit émettre un effet de commerce souscrit ou soumis à la co-acceptation ;
- d) L'émetteur peut nommer un conseiller pour l'assistance en matière de structure et de placement des effets de commerce émis ;
- e) L'émetteur doit par la suite nommer un conseiller spécialisé en transaction et des concessionnaires s'il le désire, pour un placement privé / vente de l'effet de commerce émis ;
- f) L'émission d'un effet de commerce en cas de placement privé doit se terminer dans un délai de deux semaines à compter de la date à laquelle l'émetteur ouvre l'émission à la souscription. Toute partie invendue des effets de commerce émis après deux semaines de son ouverture à la souscription ne peut être émise. En cas d'offre au public, il doit se terminer dans le délai tel que spécifié dans le document d'offre ;

byo bikorwa mu gihe kivugwa mu nyandiko ihamagarira abantu gupiganira kugura izo nyandiko;

- g) Abashoramari bashoye imari bwa mbere mu nyandiko z'agaciro zicuruzwa bagomba kwishyura agaciro nyako k'inyandiko z'agaciro kahujwe n'igihe babinyujije ku wifashishwa mu gushyira ku isoko inyandiko akananyuzwaho ubwishyu kandi ibyo bigakorwa hatangwa sheki yanditse mu izina rya nyir'ukwishyurwa yishyurwa inyujijwe kuri konti ya sosiyete ishyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa;
- h) Ushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa agomba kumenyesha mu nyandiko abashoramari bashoye imari bwa mbere mu nyandiko z'agaciro zicuruzwa n'ibigo byose by'imari byashyizeho ikigero cy'imari-shingiro yo gukoresha kigomba kubahirizwa na sosiyete akabamenyesha ingano y'inyandiko zashyizwe ku isoko naba nyirazo kandi kopi z'ayo makuru abamenyesheje zikaba zigomba guhabwa uwifashishwa mu gushyira ku isoko inyandiko akananyuzwaho ubwishyu.
- i) Ushyira ku isoko inyandiko agomba kumenyesha Ikigo ingano y'inyandiko z'agaciro zicuruzwa nyazo zashyizwe

- g) The initial investors in commercial paper shall pay through the issuing and paying agent, the discounted value of the commercial paper by means of crossed account payee cheque to the account of the issuing company;
- h) The issuer shall intimate in writing to all initial investors and all financial institutions, who have provided working capital limits to the company, about the amount and tenure of the commercial paper issue, and copies of such intimation should be provided to the issuing and paying agent;
- i) The issuer shall intimate to the Authority the amount of commercial paper actually issued, within three

- g) Les investisseurs initiaux dans les effets de commerce doivent payer par l'intermédiaire de l'agent émetteur et payeur, la valeur actualisée de l'effet de commerce par le biais d'un chèque du compte du bénéficiaire versé au compte de la société émettrice ;
- h) L'émetteur doit informer par écrit tous les investisseurs initiaux et toutes les institutions financières qui ont exigé à la société le plafond du capital de roulement, du montant et de la durée de l'émission des effets de commerce, et des copies de ces informations doivent être fournies à l'agent émetteur et payeur ;
- i) L'émetteur doit informer l'Autorité du montant des effets de commerce effectivement émis dans les trois jours

ku isoko kandi ibyo akabikora mu gihe cy'iminsi itatu ibarwa uhereye ku itariki y'ipfundikira ry'urutonde rw'abagaragaje ubushake bwo kugura.

days of the closing of subscription list.

de la clôture de la liste de souscription.

Ingingo ya 11: Guhitamo inyandiko z'agaciro zitari mu nyandiko

Iyo abashyira ku isoko inyandiko z'agaciro ndetse n'abagaragaje ubushake bwo kugura bafite uburenganzira bwo guhitamo gushyira ku isoko cyangwa gutunga inyandiko z'agaciro zicuruzwa zitari mu nyandiko cyangwa ziri mu nyandiko bashishikarizwa guhitamo inyandiko z'agaciro zitari mu nyandiko akaba ari zo bashyira ku isoko/ batunga.

Ingingo ya 12: Imirimo n'inshingano bya sosiyete zigena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo n'iby' abifashishwa mu gushyira ku isoko inyandiko bakananyuzwaho ubwishyu

(a) Ushyira ku isoko inyandiko

Ushyira ku isoko inyandiko agomba gukora ku buryo amabwiriza n'inzira byagenwe mu rwego rwo gushyira ku isoko inyandiko z'agaciro zicuruzwa byubahirizwa uko byakabaye.

b) Uwifashishwa mu gushyira ku isoko inyandiko akananyuzwaho ubwishyu

(i) Uwifashishwa mu gushyira ku isoko

Article 11: Preference for Dematerialized form

While option is available to both issuers and subscribers, to issue/hold CP in dematerialized or physical form, issuers and subscribers are encouraged to prefer exclusive reliance on dematerialized form of issue/holding.

Article 12: Role and Responsibilities of Credit rating agencies and Issuing and paying agents

(a) Issuer

